

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME
MU MUHANGO WO GUTANGIZA UBUKANGURAMBAGA BWISWE**

“ ALL IN, END ADOLESCENT AIDS”

Petit Stade, Ku wa 7 Nyakanga 2016

Rubyiruko, bana bacu,

Ba Nyakubahwa ba Ministres,

United Nations Resident Coordinator and One UN family members,

Esteemed partners,

Babyeyi, bavandimwe muteraniye aha,

Mwiriwe neza.

Nagira ngo mbanze mvuge ku bintu bibiri byabanje kuganirwaho. Haro ibyo MC yigeze kuvuga ngira ngo byateye urujijo, benshi dusa n’aho twabisoje tutazi abumvikanye na MC n’abatumvikanye nawe, bisa nk’aho, ngira ngo, mwari 50/50 abemera. Yari yateye ikibazo avuga ati “Ese iyo usanze ufite inshuti, umukunzi wanduye ubigenza ute?” Ngira ngo bamwe bahisemo ko bakomeza bakabana nawe, kubera ko bigaragara ko abantu babana, wenda umwe yaranduye undi atanduye bashobora kubyara abana bazima, abandi bemeza ko babana ukundi ariko gukomeza kuba barushinga ko byaba ikibazo. Aha biradusaba rero kugira information ihagije. Ngira ngo niba dushaka kurandura burundu iki cyorezo, biradusaba ko tugenda tubigabanya uko dushoboye kose, mugomba kugira information nyayo kuri iki kibazo. Ntabwo kubanira umuntu ufite ubwandu bivuze ko mugomba kurushingana, mushobora kubabanira ukundi, ntabwo byitwa ko ari ‘Stigma’, mureke gukomeza kwibonamo ikibazo nk’icyo ngicyo,

‘stigma’, mwabibonye ko umuvandimwe wacu Nadège ntayo afite na busa. Ntabwo mukwiye kubafata nk’abantu bagomba kubeshwaho n’imbabazi, kubera imbabazi gusa, barakomeye, Nadège yabibagararije.

Ntabwo ntinda kuri information cyane ijyanye no kwandura, ariko ngira ngo murabizi y’uko mudashobora gukomeza kugondoza baragaraza ko nababa muri discordant couples, ni bamwe babana umwe yaranduye undi atarandura, iyo bakomeje gukora imibonano mpuzabitsina batirinze, bigera aho ngaho umwe akaba yakwandura, ntabwo ari chances abantu bashobora gukomeza gukinisha, ikindi ni uko iteka bavuga ko umuntu ashoboye kuyirinda biraruta kuba umuntu yakwishora mu bikorwa bishobora gushyira ubuzima mu kaga. Ibyo sindi bubitindeho, ndizera ko abashinzwe ibigo nderabuzima bazakomeza kubibakangurira, babereke risks uko zingana, kugira ngo tugerageze turwanye icyo cyorezo tunganisha ku kuba twakirandura burundu. Yego, ibyo tumaze kugeraho birashimishije ariko kandi nk’uko Resident Coordinator yavuze na “One percent is too much, if we could have it at zero, it’s always better.”

Nkaba rero kandi ntatangira kugira icyo navuga cyose ntashimiye Nadège watugararije ubutwari bukomeye. Yagaragaje indi sura ya HIV, ubundi isura yayo yahoze ari isura iteye ubwoba, dushaka no kujya muri uru rugamba twagira ngo duhe “that face, a human face” twese tugira ngo tugararize abantu ko atari indwara ikwiye kugira akato, y’uko utanayifite ari affected, ko ntawutamufite mu

muryango, nta kuntu rero dushobora kuba twayirengagiza kuko twese itugiraho ingaruka, tugize Imana tukaba twatera imbaraga abahuye nayo, tubagaragariza y’uko bashobora kuba bagira inzози zabageza kure nk’izo Nadège yatugaragarije, zinarusha na kenshi n’abibaza ko bafite ubwo buzima, bashobora kuba banabarusha kugira intego irenze, byose ni mu mutwe, byose ni mu mutima. Again, Nadège, thank you very much!

Uyu munsu rero nejejwe no kuba turi kumwe namwe rubyiruko, ababyeyi, inzego zifata ibyemezo ndetse n’abafatanyabikorwa, muri ubu bukangurambaga bwiswe “**All in - End Adolescent AIDS**” bwatangijwe ku rwego rw’isi, bugamije gukangurira buri wese, gufatanya mu kurandura burundu ubwandu bwa virusi itera SIDA mu rubyiruko.

Umuryango OAFLA, ni umuryango w’Abadamu b’Abakuru b’Ibihugu bya Afurika, nk’ababyeyi bahangayikishijwe n’ubwo bwandu mu bana n’urubyiruko mu bihugu byacu, twitabiriye iryo jwi mpuzamahanga, maze dutekereza ukuntu ryashyirwa mu bikorwa ku mugabane wacu wa Afurika.

Si ubwa mbere dutangiye kuvuga kurinda imiryango yacu icyorezo cya SIDA, kuko mu mwaka wa 2002 dushyiraho uyu muryango OAFLA nicyo twari tugamije. Mu mwaka wa 2004 nibwo twese mu bihugu byacu twatangije icyo twiswe “**Ita ku mwana wese nk’Uwawe**”. Ubutumwa bw’iyo gahunda bwari bukubiye mu ngingo eshatu arizo zikurikira:

1. Kwita ku mwana wese nk'uwawe, sindi bwongere kurondora ibyo twakozemo, ngira ngo benshi murabyibuka.
2. Abantu bakuru banduza abana, amagana ikibi, wibahishira
3. Ganira n'abana ku byerekeye imibonano mpuzabitsina, bishobora kurokora ubuzima bwabo.

Biragaragara ko izi nsanganyamatsiko zakomeje gukurikizwa, ni bimwe mu biganiro byakomeje kugaruka mu bambanjirije.

Abari hano rero bakuru muribuka cyane ukuntu ubwo bukangurambaga bwagize akamaro mu kurinda abana icyabahungabanya cyose, kandi ndizera ko bigikomeza.

Muri icyo myaka kandi, ni nabwo gahunda yo gukangurira ababyeyi banduye virusi itera SIDA kutanduza abana, yatangiye kwitabwaho, nuko Minister yabivuze. icyo gihe Ibigo Nderabuzima byari bifite icyo gahunda ya PMTCT byari mbarwa, ariko ubu mu Rwanda twakwishimira ko Ibigo nderabuzima byose bifite iyi gahunda. Intego igihugu cyacu cyihaye kuva mu 2011, ni uko twarandura burundu ubwo bwandu, umubyeyi ashobora gutera umwana, kandi imihigo iracyakomeje.

Nagira ngo mbonereho kongera gushimira, utu Turere twose tumaze guhembwa, kuba mu myaka ibiri ishize, nta mwana wagaragaye wanduye Virus itera SIDA mu bigo nderabuzima biri

muri utwo Turere, mumfashe tubashimire. Mukomereze aho kandi n'utundi Turere tubonereho urugero kuko mwagaragaje ko bishoboka.

N'ubwo tumaze gutera intambwe ndende ariko, haracyari ikibazo gikomeye mu rubyiruko, nizera ko nidufatany twese nacyo tuzakibonera umuti mu gihe cyihuse. Niyo mpamvu y'iki gikorwa cy'uyu munsi, gihamagarira buri wese, duhereye cyane cyane ku rubyiruko, kugira ngo namwe mugire uruhare mu kwirinda virusi itera SIDA ndetse no gufasha abanduye gufata imiti mu buryo bukwiye.

Bana bacu rero, muzi ko mugize igice kinini cy'Abanyarwanda. Ikigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare kigaragaza ko abangavu n'ingimbi (abafite imyaka 10-19) bagize 23 %¹ hanyuma abafite imyaka 20-24 bakaba bagize 10% by'abaturage bose b'u Rwanda. Ibi byiciro byombi bikaba bigize hamwe 33%. Muri umubare munini w'Abanyarwanda kandi tubatezeho byinshi, mu gukomeza kubaka igihugu cyacu, kurinda ibyagezweho, kubyarira u Rwanda, no gukomeza gukomera ku "gaciro k'Abanyarwanda".

Rubyiruko mwese, nagira ngo mbibutse ko Leta yashyizeho gahunda yo kubafasha kubarinda ubwandu mu bigo nderabuzima byose, ariko iyo urebye isuzuma Ikigo cy'Ubuzima mu Rwanda cyakoze, ku cyiciro cya mbere cy'ubukangurambaga "All in – End

¹ Population projection, NISR, 2014

Adolescent AIDS”,² rigaragaza ko abangavu n’ingimbi bitabira gahunda yo kwipimisha, igahabwa n’ubujyanama ari 27% gusa by’abakobwa na 22% by’abahungu. Murabona rero ko ubwitabire bukiri hasi cyane.

Aha umuntu akaba yakwibaza impamvu ibitera:

- Byaba bituruka kuki?
- Ni uko wenda mwaba mutazi ko bihari?
- Ese ni uko mwumva byaba bitabareba?
- Cyangwa se ababishinzwe ntibabafasha uko bikwiye?

Ibi bibazo nagira ngo tubirebere hamwe, tubishakire umuti niba dushaka kugera ku ntego isi yihaye, intego igihugu cyacu cyihaye.

Ku bana rero b’abakobwa by’umwihariko bigaragara ko, ngira ngo Resident Coordinator yabivuze, muri 2014, ku bantu bashya banduye, 74% bari abakobwa bakiri bato. Ngira ngo yabivuze bihagije, it’s a strong reminder ku bana b’abakobwa y’uko bakwiye gushyiraho ingamba zikomeye kugira ngo birinde kuko bari vulnerable kurusha abandi.

Nk’Ababyeyi rero banyu, twifuza kumenya impamvu kugira ngo dufatanye gushyiraho ingamba zifatika kandi zibabereye kuko ari mwe mwifitemo igisubizo.

² RBC- Rwanda – phase 1 All In country assessment, December 2015

Ariko icya mbere, nagira ngo mbisabire kugana ibigo nderabuzima mukisuzumisha, kuko inzira nziza yo kwirinda ari ukumenya uko uhagaze!

Igihugu cyacu cyanyuze muri byinshi, kandi giharanira gukora byinshi biteza imbere Abanyarwanda n'urubyiruko by'umwihariko, ni ngombwa rero ko tugira abaherezwa agakoni, bazaragwa uru Rwanda bafite ubuzima bwiza, kugira ngo ibyo twagezeho bikomeze gutera imbere. Urubyiruko, twabizera?

Babyeyi, bavandimwe twese turerera iki gihugu cyacu, birakwiye ko dufatanya kugira ngo aba bana bacu dukomeze kubarinda iki cyago.

Byaragaragaye ko abantu bakuru banduye bamaze kumva neza akamaro ko gufata imiti igabanya ubukana. Mu ihuriro ry'Ababyeyi n'abana tujya dukora mu kuganira ku buzima bw'imyororokere, no kwirinda virusi itera SIDA, abana bakunze kugaragaza ko ababyeyi batababwiza ukuri cyane cyane abari ku miti, byagaragaye muri ya Kinamico. Bigatuma bashobora kureka gufata imiti kandi bikabagiraho ingaruka. Ubu abana bari ku miti niba bagera kuri 34%, ubwo abandi batayifata baba bari he?

Ndabasaba rero rwose ko twafatanya kugira ngo abana bacu bagize ibyago byo kwandura, bajye ku miti kandi bayifate neza kugira ngo bakomeze kugira ubuzima bwiza.

Byaragaragaye kandi ko ababyeyi batwite, bitabira neza gahunda yo kwisuzumisha nibura inshuro enye iyo batwite. Ariko mu bakobwa

cyangwa abangavu batwite, ababyitabira baracyari bake cyane, bangana na 33% gusa, kandi ni muri icyo gihe aribwo umubyeyi amenya ko yanduye, maze agakurikiranwa ku buryo byibura atakwanduza uwo azabyara.

Nagira ngo rero mumfashe gushimira uruhare rw'abatanga serivisi z'ubuzima bose, duhereye ku bajyanama b'ubuzima, abakangurambaga b'urungano mu rubyiruko, abaganga bita ku buzima bw'Abanyarwanda buri munsu. Intambwe u Rwanda rumaze gutera mu kugabanya ubwandu bwa virusi itera SIDA mwese mwayigizemo uruhare rukomeye.

Kuba tugifite icyuho mu rubyiruko rwitabira izi gahunda, nabyo nagira ngo mbasabe kubishakira umuti kandi mufatanije n'urwo rubyiruko. Nimubatege amatwi, mubahe uruhare mu kwishakira ibisubizo, mubagire inshuti kugira ngo babashe kumva ibyo mubabwira.

Ndashimira ibigo nderabuzima bimaze gushyiraho gahunda n'icyumba cyihariye cy'urubyiruko, kuko bituma bisanzura kandi bakitabira gahunda za muganga neza. Abafite ibyo byumba, nimwige guhanga udushya dukurura urubyiruko.

Ndashimira kandi amatsinda afasha abana babana na virusi itera SIDA, mwongere no kubahuza n'ababyeyi babo kuko bibafasha kwiyakira no gukurikiza gahunda ya muganga.

Murebe ukuntu Ibigo Nderabuzima byaba imbarutso y'impinduka y'imatekerereze n'imikorere y'abantu cyane cyane urubyiruko,

bizatuma tugabanya umubare munini w'abarwara kuko twese tutabiyobewe “*kwirinda biruta kwivuza*”.

Esteemed partners,

Our commitment as concerned individuals for the wellbeing of our populations on this continent, is deeply rooted in the urgency of our situation.

I humbly believe that while understanding the contextual realities of each society is crucial in elaborating sustainable solutions, we must also learn how to identify, and form, successful partnerships to put an end to this epidemic, which has claimed far too many lives, to this day. This is the reason why we must continue joining efforts with different stakeholders, to further strengthen our health systems, so they are better prepared to prevent, treat and heal our communities.

Nagira ngo nsonze nongera gushimira abitabiriye iki gikorwa, kandi mbasaba ko dukomeza ubu bufatanye, kugira ngo turinde abana bacu virusi itera SIDA kandi dukomeze imihigo yo kubaka u Rwanda ruzira urubyiruko rufite ubwandu.

Murakoze, mugire umugoroba mwiza!